Republic of Rwanda

NCDA
National Child Development Agency

Kigali: 24./.02./ 2025 Ref: 237/NCDA/ 2025

**Umuyobozi w'Akarere(Bose)**
**Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere(Bose)**

**Impamvu: Kubagezaho amabwiriza avuguruye ya gahunda ya Shisha Kibondo**

Madamu/ Bwana Muyobozi,

Nshingiye kuri gahunda ya Leta ijyanye no kurandura imirire mibi mu minsi 1,000 ya mbere y'ubuzima bw'umwana hatangwa ifu ikungahaye ku ntungamubiri izwi ku izina rya "shisha kibondo" ku bagore batwite n'abonsa no ku bana bari hagati y'amezi atandatu (6) na makumyabiri n'atatu (23) y'amavuko;

Nshingiye kuri gahunda ya 2 y'Igihugu yo kwihutisha iterambere(NST2), aho Igihugu gifite intego yo kugabanya igwingira kugera kuri 15% mu bana bari munsi y'imyaka 5;

Nejejwe no kubagezaho amabwiriza avuguruye ajyanye n'itangwa ry'ifu ikungahaye ku ntugamubiri izwi ku izina rya shisha kibondo. Mboneyeho kandi kubasaba kumenyesha ibitaro by'Akarere n'ibigo nderabuzima ko guhera tariki ya **1 Werurwe 2025**, gusaba Shisha Kibondo bizajya bikorwa hakoreshejwe sisitemu ya HMIS gusa.

Ku bindi bisobanuro, mwabaza **BIKORIMANA Isaac** kuri telefoni: **0788832855** cyangwa kuri email: isaac.bikorimana@ncda.gov.rw.

Mugire amahoro.

**INGABIRE Assumpta**
**Umuyobozi Mukuru**

**Bimenyeshejwe:**

- Madamu Minisitiri w'Uburinganire n'iterambere ry'umuryango
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Madamu/ Bwana Guverineri w'Intara (Bose)
- Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali

National Child Development Agency

# AMABWIRIZA Y'IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IMIKURIRE NO KURENGERA UMWANA No 01/2025 YO KUWA 24/02/2025 AREBANA N'ISHYIRWA MU BIKORWA RYA GAHUNDA YA SHISHA KIBONDO

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana(NCDA) ku bufatanye n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ubuzima(RBC) cyavuguruye amabwiriza arebana n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya shisha kibondo.

Hashingiwe ku iteka rya Perezida rishyiraho Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA) No 083/01 ryo ku wa 28/08/2020;

Hashingiwe kuri gahunda ya Leta ijyanye no kurwanya imirire mibi mu minsi 1000 ya mbere y'ubuzima bw'umwana hatangwa ifu ikungahaye ku ntungamubiri izwi ku izina rya ***"Shisha Kibondo"*** ku bagore batwite n'abonsa no ku bana bari hagati y'amezi atandatu (6) na makumyabiri n'atatu (23) y'amavuko;

Hashingiwe ku mwanzuro w'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 16/06/2022 yemeje Politiki y'Igihugu y'Imibereho Myiza y'Abaturage, aho guhera muri Nyakanga 2023, ibyiciro by'ubudehe bitongeye kugenderwaho mu guha serivisi abaturage, harimo na gahunda yo gutanga shisha kibondo;

Hashingiwe kandi kuri gahunda ya 2 y'Igihugu yo kwihutisha iterambere(NST2) igaragaza ko kugabanya igwingira mu bana bato ari imwe mu nkingi z'ingenzi zizashyirwamo imbaraga;

Hatanzwe amabwiriza akurikira:

**Ingingo ya 1: Icyo aya mabwiriza agamije**

Aya mabwiriza agamije gushyiraho no gutanga umurongo ngenderwaho ku birebana n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya shisha kibondo mu turere twose tw'igihugu.

**Ingingo ya 2: Ibishingirwaho mu gushyira umugenerwabikorwa muri gahunda ya shisha kibondo**

**2.1. Mu ngo zitishoboye hagendewe kuri sisitemu y'imibereho (HHs below cut-off poverty line):**

(a) Umwana uri hagati y'amezi 6-23;
(b) Umwana uri hagati amezi 24-59 ufite ubumuga butuma atabasha guhekenya neza cyangwa kumira neza;
(c) Umugore/umukobwa utwite;
(d) Umugore/umukobwa wonsa umwana uri munsi y'amezi 6;

**2.2. Mu zindi ngo:**

(a) Umwana ufite hagati y'amezi 6-23 akaba afite ibyago byo kugwingira(risk of stunting): **H/A**: Hagati ya **-1SD** na **-2SD;**
(b) Umwana ufite igwingira ryoroheje**: H/A**: **<-2SD** cyangwa irikabije: **H/A**: **< -3SD;**

(c) Umwana ufite amaraso make biturutse ku mirire mibi: **Hb: ≤ 11g/dL**
(d) Umwana uri hagati amezi 6-59 ufite ubumuga butuma atabasha guhekenya neza cyangwa kumira neza;
(e) Umugore/umukobwa utwite/wonsa ufite imirire mibi hagendewe kuri **MUAC: ≤ 23 cm;**
(f) Umugore/Umukobwa utwite/Uwonsa utiyongera ibiro bikemezwa n'umukozi ushinzwe imirire/umukozi ukurikirana abagore batwite;
(g) Umugore/umukobwa utwite/wonsa ufite amaraso make: **Hb: ≤ 11g/dL**

**Ingingo ya 3: Uburyo abagenerwabikorwa ba shisha kibondo babonekamo (Entry points)**

(a) Hakoreshejwe Sisitemu y'imibereho/Ingo zitishoboye;
(b) Hakoreshejwe ibipimo by'imirire bifatiwe ku kigo nderabuzima;
(c) Hakoreshejwe ibizamini by'amaraso(Hemoglobin)
(d) Hakoreshejwe ibipimo by'imirire byo mu cyumweru cyahariwe ubuzima bw'umubyeyi n'umwana(MCH week campaign).

**Ingingo ya 4: Kuva ku rutonde rw'abagenerwabikorwa**

**4.1. Umwana akurwa ku rutonde rw'abagenerwabikorwa:**

(a) Iyo yujuje amezi makumyabiri n'ane (24) y'amavuko;
(b) Ku mwana ufite ubumuga, akurwa ku rutonde afite amezi 60;
(c) Iyo yimutse (Icyo gihe akomeza gukurikiranwa mu kigo nderabuzima cyegereye aho yimukiye);
(d) Iyo apfuye.

**4.2. Umugore/umukobwa utwite cyangwa wonsa akurwa ku rutonde rw'abagenerwabikorwa:**

(a) Iyo yagize ibyago inda ikavamo;
(b) Iyo yimutse. Icyo gihe akomeza gukurukiranwa ku kigo nderabuzima cyegereye aho yimukiye;
(c) Iyo apfuye cyangwa umwana yonsaga agapfa;
(d) Igihe umwana yonsa yujuje amezi 6 y'amavuko;
(e) Iyo icyiciro yari arimo gihindutse (From below cut-off to above cut-off).

**Ingingo ya 5: Ingano ya shisha kibondo umugenerwabikorwa ahabwa ku kwezi**

**5.1. Ingano ihabwa umugore/umukobwa:**

(a) Umugore/Umukobwa ***utwite ahabwa amapaki 3 mu kwezi*** (ipaki imwe ifite ikiro n'igice);
(b) Umugore/Umukobwa ***wonsa ahabwa amapaki 4 mu kwezi*** (ipaki imwe igizwe imwe ifite ikiro n'igice);

**5.2. Ingano ihabwa umwana:**

(a) Umwana ufite kuva ku mezi ***6 kugeza ku mezi 8 ahabwa amapaki 2 mu kwezi*** (ipaki imwe ifite ikiro n'igice);
(b) Umwana ufite kuva ku mezi ***9 kugeza ku mezi 11 ahabwa amapaki 3 mu kwezi*** (ipaki imwe ifite ikiro n'igice);
(c) Umwana ufite kuva ku mezi ***12 kugeza ku mezi 23 ahabwa amapaki 4 mu kwezi*** (ipaki imwe ifite ikiro n'igice).
(d) Umwana ufite ubumuga ***urengeje amezi 24 ahabwa amapaki 4 mu kwezi*** (ipaki imwe ifite ikiro n'igice).

**Ingingo ya 6: Uko shisha kibondo isabwa ikanagezwa ku mugenerwabikorwa**

Ikigo nderabuzima gikora ubusabe (Requisition) bwa shisha kibondo binyuze muri sisitemu ya HMIS (Reporting form iri muri HMIS):

**Ingingo ya 7: Kwakira Shisha Kibondo**

Shisha kibondo yakirwa na komite y'abantu batatu bashyizweho n'ubuyobozi bw'Ikigo nderabuzima.
Mbere yo kwakira shisha kibondo harebwa ibi bikurikira:

(a) Ingano ya shisha kibondo yagemuwe n'ingano yanditswe ku nyandiko yo kugemura (delivery note);
(b) Gusuzuma ubuziranenge bwa shisha kibondo harebwa ko itangiritse (urugero nko gupfumuka…);
(c) Kureba ko shisha kibondo isigaranye igihe gihagije cyo gukoreshwa (Expiration date);

Nyuma yo gusuzuma ibyavuzwe mu gika kibanziriza iki, abakiriye shisha kibondo bashyira umukono na kashe ku nyandiko yo kugemura shisha kibondo (Delivery note) bemeza ko shisha kibondo yujuje ubuziranenge yakiriwe n'ingano yayo.

**Ingingo ya 8: Inyandiko n'amakuru bikoreshwa mu gucunga shisha kibondo**

Inyandiko n'amakuru bikoreshwa mu gucunga shisha kibondo ku kigo nderabuzima ni ibi bikurikira:

(a) Inyandiko igaragaza ko shisha kibondo yagemuwe (Delivery note);
(b) Ifishi y'ububiko (Fiche de stock);
(c) Inyandiko y'ubusabe bwa shisha kibondo iri mu bubiko (internal requisition);
(d) Igitabo cy'abagenerwabikorwa ba shisha kibondo kiri ku kigo nderabuzima;
(e) Raporo itangwa buri kwezi muri HMIS bitarenze tariki ya 05 y'ukwezi gukurikiye.

**Ingingo ya 9: Inshingano za buri rwego rushinzwe gushyira mu bikorwa gahunda ya shisha kibondo**

Mu rwego rwo kunoza ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya Shisha Kibondo, buri rwego rufite inshingano zikurikira:

**9.1 Umugenerwabikorwa**

(a) Umugore/Umukobwa utwite uri muri gahunda ya Shisha Kibondo agomba gupimisha inda inshuro zagenwe uko ari umunani(8);
(b) Gukoresha neza shisha kibondo ahabwa no kugeza ku kigo nderabuzima amashashi yose yavuyemo Shisha Kibondo.

**Icyitonderwa:**

Shisha Kibondo y'umwana ifatwa n'umubyeyi we cyangwa undi ubifitiye uburenganzira. Uburenganzira butangwa mu nyandiko n'umubyeyi w'umwana cyangwa umurera na ho ku mugore/umukobwa utwite n'uwonsa butangwa na nyirubwite;

**9.2 Umudugudu**

(a) Kubarura no gukangurira abo bireba kujya muri gahunda ya shisha kibondo;
(b) Gushishikariza abagenerwabikorwa gukoresha neza shisha kibondo;
(c) Gushyiraho ingamba zo gukumira igurishwa rya shisha kibondo;
(d) Gutanga amakuru ku gihe ku nzego z'umutekano mu gihe hari shisha kibondo igurishijwe;

**9.3 Ikigo Nderabuzima**

(a) Gushyira abagenerwabikorwa bose muri gahunda ya shisha kibondo;
(b) Kuzuza amakuru arebana n'abagenerwabikorwa mu bitabo no muri sisitemu ya HMIS;
(c) Gusabira abagenerwabikorwa shisha kibondo hakoreshejwe sisitemu ya HMIS;
(d) Gupakuruza ifu ya shisha kibondo yose igeze ku kigo nderabuzima;
(e) Gushyira umukono ku nyandiko z'igemura( Delivery notes) no gusigarana kopi;
(f) Kwigisha abagenerwabikorwa kuri gahunda ya shisha kibondo (Akamaro kayo, Uko itegurwa mbere yo kuyinywa, uko ibikwa,...);
(g) Gukangurira abagenerwabikorwa kwirinda gukoresha nabi ifu ya shisha kibondo (kuyigurisha, kuyisangira cyangwa kuyitangaho impano);
(h) Gufatira abagenerwabikorwa ibipimo by'imirire buri kwezi no kwinjiza amakuru mu bitabo byabugenewe;

(i) Guha abagenerwabikorwa ifu ya shisha kibondo hakurijwe ingano yagenwe;
(j) Gufatanya n'abajyanama b'ubuzima gukurikirana imikoreshereze ya shisha kibondo mu miryango binyuze mu gusura ingo zirimo abagenerwabikorwa mu buryo buhoraho;
(k) Gukusanya amashashi yose yavuyemo shisha kibondo kugira ngo azashyikirizwe ibitaro hirindwa kwangiza ibidukikije cyangwa mu gihe ikigo gifite uburyo bwo gutwika(incinerator) bakayatwika hakurikijwe amabwiriza;
(l) Kubika neza shisha kibondo mu buryo bukurikira:
   - Kubika shisha kibondo mu bubiko bwabugenewe bwujuje ubuziranenge, bwizewe umutekano wabwo, bufite ubuhumekero n'isuku ihagije.
   - Kubika amakariro ya shisha kibondo kuri pallette;
   - Kutegereza shisha kibondo inkuta z'ububiko ;
   - Kutayibika hamwe n'imiti.

(m) Gukora urutonde rw'abagenerwabikorwa bahawe shisha kibondo mu gihe cy'umwaka w'ingengo y'imari rukoherezwa ku Karere.

**9.4. Ibitaro by'Akarere**

(a) Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya shisha kibondo mu bigo nderabuzima biri gace biherereyemo;
(b) Gutanga inama ku byanozwa kugira ngo gahunda ya shisha kibondo ishyirwe mu bikorwa uko bikwiye;
(c) Gukurikirana ibigo nderabuzima ko bitanga raporo zujuje ubuziranenge ku mikoreshereze ya shisha kibondo mu ikoranabuhanga rya HMIS.
(d) Gusesengura amakuru ya gahunda ya shisha kibondo mu nama ngarukagihembwe ihuza ibigo nderabuzima n'ibitaro.


A&P Building, 3rd floor - 18 KG 5 Ave Kigali - Website: www.ncda.gov.rw - Email:info@ncda.gov.rw

**9.5 Akarere**

(a) Kugeza ku midugudu no ku bigo nderabuzima urutonde rw'ingo zitishoboye no gukurikirana ko abagenerwabikorwa bashyirwa muri gahunda ya shisha kibondo nta n'umwe ucikanwe;
(b) Gukurikirana ko ubusabe ibigo nderabuzima byakoze muri HMIS bwakozwe neza;
(c) Gutegura inyandiko z'igemura rya shisha kibondo (Delivery notes) zigashyirwaho umukono n'ikigo nderabuzima igihe igeze ku kigo nderabuzima no gushyingura neza izo nyandiko z'igemura;
(d) Guhuza urutonde rw'abagenerwabikorwa bahawe shisha kibondo mu mwaka w'ingengo y'imari mu bigo nderabuzima byose rukoherezwa ku Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana mu buryo bw'ikoranabuhanga (snanned copies).
(e) Gushyiraho ingamba zo gukumira, kurwanya no guca burundu igurishwa rya Shisha Kibondo;
(f) Gukora ubukangurambaga ku byiza bya gahunda ya Shisha kibondo no kugenzura ikoreshwa ryayo mu karere kose;
(g) Gutenanya ibihano bihabwa umuntu wagurishije cyangwa waguze shisha kibondo.

**9.6: Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no kurengera Umwana**

(a) Kugurira Shisha Kibondo uturere twose hagendewe ku ngengo y'imari yabonetse;
(b) Gutanga amabwiriza agenga ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya shisha kibondo;
(c) Gukorana n'inzego z'ibanze mu gukemura ibibazo bijyanye na gahunda ya shisha kibondo bahura na byo no gufatanya gushaka ibisubizo mu turere;
(d) Gukurikirana ko amabwiriza ashyirwa mu bikorwa uko bikwiye;
(e) Gutanga umurongo ku kibazo kidafitiwe igisubizo n'aya mabwiriza.

**10. Ibihano bihabwa uwagurishije cyangwa waguze shisha kibondo**

Umuntu wese ufashwe yagurishije cyangwa yaguze shisha kibondo arabihanirwa mu buryo bukurikira:

(a) Gucibwa amande n'Akarere yagenwe agashyirwa kuri konti y'akarere (Own revenues) agakoreshwa muri gahunda zo kurwanya imirire mibi;

(b) Iyo yongeye gufatwa ashyikirizwa inzego z'ubugenzacyaha agahanwa hakurikijwe itegeko rihana uwigabije umutungo wa Leta ;

(c) Umubyeyi wese uzagaragaho kugurisha cyangwa gutanga shisha kibondo ho impano azamburwa uburenganzira bwo gufata shisha kibondo. Icyo gihe izajya ihabwa umujyanama w'ubuzima bityo umubyeyi akajya ajya gufata ingano ikoreshwa umunsi umwe.


A&P Building, 3rd floor - 18 KG 5 Ave Kigali - Website: www.ncda.gov.rw - Email:info@ncda.gov.rw

**Ingingo ya 11: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya mabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo zivanyweho.

**Ingingo ya 12: Igihe aya mabwiriza azatangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza azatangira gukurikizwa ku ya **01/03/2025**

**Bikorewe i Kigali, ku wa 24/02/2025**

NATIONAL CHILD DEVELOPMENT AGENCY
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**INGABIRE Assumpta**
**Umuyobozi Mukuru**


A&P Building, 3rd floor - 18 KG 5 Ave Kigali - Website: www.ncda.gov.rw - Email:info@ncda.gov.rw